**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**
**BP 2197 KIGALI**

**ITANGAZO N°..023.../CSM/2016 RIGENEWE ABIFUZA GUPIGANIRA IMYANYA Y'ABANDITSI MU NKIKO Z'IBANZE**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza aramenyesha ko hari imyanya cumi n'itandatu (16) y'abanditsi b'inkiko mu Nkiko z'Ibanze, ipiganirwa.

Ababyifuza bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko;
4. Kuba ari inyangamugayo;
5. Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe cyangwa ku mubiri bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubwanditsi bw'inkiko; byemejwe na muganga wemewe na Leta;
6. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
7. Kuba atarigeze guhanishwa igihano cyabaye ndakuka cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) kitahanaguwe n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;
8. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze cyangwa ngo asezererwe nta mpaka bitewe n'uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarasezerewe by'igihe gito.

**Ibindi bisabwa**: Kuba azi gukoresha "ordinateur/computer".

Uwifuza ako kazi yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza; dosiye isaba akazi ikazanwa ku Cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku KIMIHURURA, mu Bunyamabanga Rusange, irimo inyandiko zikurikira:

1. Ibaruwa isaba akazi.
2. Umwirondoro we.
3. Fotokopi y'impamyabumenyi.

Kwakira dosiye bizakorwa kugeza ku itariki ya **23/08/2015.**

Bikorewe i Kigali, kuwa ......03 AUG 2016......................

**Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**